REPUBULIKA Y'U RWANDA

SERIVISI ZA MINISITIRI W'INTEBE

Ijambo rya Nyakubahwa Minisitiri w'Intebe

Dr. Ngirente Edouard

Mu muhango wo gusoza ibirori by'Umunsi Mpuzamahanga w'Umugore wa 2019

Kigali Convention Centre, ku wa 29 Werurwe 2019

- **Ba Nyakubahwa ba Minisitiri bitabiriye uyu muhango,**
- **Banyakubahwa Basenateri n'Abadepite,**
- **yobozi b'Intara n'Umujyi wa Kigali,**
- **Banyamuryango ba Unity Club,**
- **Banyakubahwa muhagaririye imiryango mpuzamahanga mu Rwanda,**
- **Bafatanyabikorwa mu iterambere muri hano,**
- **Batumirwa bahire,**

Mbanje kubaramutsa.

1. Ndagira ngo mbanze mbashimire ko mwashoboye guhurira hano muri ibi biganiro. Ndabashimira kandi kuri iyi nsanganyamatsiko mwahisemo igira iti: "***Dufatane urunana abagabo n'abagore***, ***twubake umuryango utekanye***".

2. Mu by'ukuri iyi nsanganyamatsiko iratwibutsa ko iterambere ry'umuryango ndetse n'iry'Igihugu muri rusange, tuzabigeraho ari uko abagore n'abagabo dufatanye urunana maze tugafatanya muri byose. Mboneyeho rero gushimira abahisemo iyi nsanganyamatsiko.

3. Nk'uko tubizi, muri iyi nama harasozwa ku mugaragaro, igihe cy'ukwezi kwahariwe iterambere ry'umugore, akaba ari igihe cy'ukwezi rero u Rwanda rwari rumaze rwifatanya n'ibindi bihugu mu kwizihizwa "Umunsi Mpuzamahanga w'Umugore muri uyu mwaka wa 2019".

4. Bikaba rero byumvikana ko iyi nama ari umwanya mwiza wo kwishimira ibyo u Rwanda rumaze kugeraho, muri iyi myaka 25 ishize, mu rwego rwo guteza imbere abari n'abategarugori, ndetse no kubongerera ubushobozi mu nzego zinyuranye.

5. Nk'uko tubizi twese, muri urwo rwego, u Rwanda rwashyizeho politiki n'amategeko bitandukanye bigamije kongerera Abanyarwandakazi, abari n'abategarugori, ubushobozi mu bikorwa biteza imbere igihugu, ndetse no mu gukuraho imbogamizi zose zababuza kugira uruhare rugaragara mu bikorwa by'ubukungu n'amajyambere muri rusange. Ibi kandi bikaba byarashimangiwe cyane cyane mu Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu mwaka wa 2003 ryavuguruwe muri 2015.

6. Twemeza twese ko nta gushidikanya ko guha amahirwe angana abagore n'abagabo, kimwe ndetse no guha amahirwe angana abana b'abakobwa n'abana b'abahungu, bigira uruhare rugaragara mu guteza imbere inzego zose z'ubuzima bw'Igihugu ndetse n'iz'umuryango.

7. By'umwihariko, ku Gihugu cyacu cy'u Rwanda, byatumye Abanyarwanda b'ingeri zose basaranganya, ku buryo bukwiye amahirwe atangwa n'Igihugu, bityo binabongerera imbaraga n'umurava mu gukorera hamwe baharanira iterabere rirambye ry'Igihugu cyacu ndetse n'imiryango yacu muri rusange.

8. Ibi kandi byagize uruhare mu gukemura ibibazo by'ingutu bigenda byugarije imibereho myiza y'imiryango n'abaturage muri rusange. Bimwe muri ibyo bibazo, tugikomeza kugenda dukemura nka Leta dufatanije n'inzego zose, zirimo iz'abari n'abategarugori, hamwe n'iz'urubyiruko, harimo ibibazo bijyanye n'imirire mibi, ibibazo bijyanye no kugwingira kw'abana, ibibazo by'abana bata amashuri n' ibibazo byo kutagira ubwisungane mu kwivuza.

9. Ibi byose ni ibibazo bidashobora gukemuka umugabo n'umugore badafatanyije mu muryango, cyangwa se ngo binakemuke tudahaye amahirwe angana urubyiruko rw'abahungu n'abakobwa mu rwego rw'iterambere.

Ba Nyakubahwa mwese muri hano rero,

10. Ndagira ngo ndagize iri jambo nongera gushimangira ko Guverinoma y'u Rwanda itazahwema gukomeza gahunda yayo nziza yo guteza imbere abari n'abategarugore. Izakomeza guha amahirwe angana nta kuvangura abana b'abakobwa n'abana b'abahungu muri byose, yaba ari mu mikurire yabo, mu burezi, mu myigire, ndetse no mu zindi nzego zose z'ubukungu n'iz'amajyambere.

11. Muri uyu mwanya rero, ndagira ngo mbashimire mwese kandi ntangaza ko dusoje ku mugaragaro, ibirori byo kwizihiza Umunsi Mpuzamahanga w'Umwari n'Umutegarugori muri uyu mwaka wa 2019.

Murakoze.